

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amabwiriza / Regulation/ Règlement

N°004/R/MR-MCA/ RURA/2017 yo ku wa 30/06//2017	
Amabwiriza agenga serivisi z’ isakazamakuru mu Rwanda.....	2
N°004/R/MR-MCA/ RURA/2017 of 30/06/2017	
Regulation governing broadcasting services in Rwanda.....	2
N°004/R/MR-MCA/ RURA/2017 du 30/06/2017	
Règlement régissant les services de radiodiffusion au Rwanda.....	2

B. Imiryango/Associations

- MISSIONNAIRE DES SACRES COEURS DE JESUS ET MARIE AU RWANDA.....	47
- TURERE IBIBONDO	49

C. Guhindura amazina/Change of names/Changement de noms

- Jacqueline GIKUNDIRO NDIGAYE.....	51
- MUKANDEKEZI Aisa.....	52
- NSENGAYIRE Justin.....	52
- NSENGIYUMVA Lambert.....	53
- MUREBWAYIRE Natasha Liliane.....	53
- RWANYAGASORE Chancelier.....	54
- MUKAGITORE Annah.....	54
- KANZIGA RUBANGO Elodie.....	55
- GATSINZI Emmanuel.....	55
- GAHINDA Justin.....	56
- NYIRAMANA TETA Phoebe.....	56
- UWAMALIYA Béatrice.....	57

D. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

- KOTUZAMA.....	58
- KO.U.K.NTA	59
- TUNOZUMURIMO NYAMASHEKE	60
- ABADASIGANA BA KINYINYA	61
- SAWA.....	62
- COAKUKORWI N°1.....	63
- IBANGA RY’ISUKA	64
- UMURAVA MU MURIMO	65
- JYAMBERE MUHINZI GIKOMERO	66
- ISOKO Y’UBUKIRE GIKOMERO	67
- COINYAMI.....	68
- TUGANISHULI.....	69
- KOKOKAGA.....	70
- COOTRACOFONYA – TERIMBERE.....	71
- UKAKI.....	72

AMABWIRIZA RURA/2017 YO KU WA 30/06//2017 AGENGA SERIVISI Z' ISAKAZAMAKURU MU RWANDA	N°004/R/MR-MCA/	REGULATION RURA/2017 OF 30/06/2017 GOVERNING BROADCASTING SERVICES IN RWANDA	N°004/R/MR-MCA/	REGLEMENT RURA/2017 OF 30/06/2017 REGISSANT LES SERVICES DE RADIODIFFUSION AU RWANDA	N°004/R/MR-MCA/
--	-----------------	---	-----------------	---	-----------------

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:DISPOSITIONS
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza
agamije**

Article One: Purpose of this Regulation

**Article premier: Objet du présent
Règlement**

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définition des termes

Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza

Article 3: Scope of application

Article 3: Champs d'application

Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza

Article 4: Objective of this Regulation

Article 4: Objectif du présent règlement

**UMUTWE WA 2: INZIRA N'UBURYO
BWO GUTANGA URUHUSHYA**

**CHAPTER 2: LICENSING PROCESS
AND PROCEDURES**

**CHAPITRE 2: PROCESSUS ET
PROCEDURES D'OCTROI DE
LICENCE**

**Ingingo ya 5: Inzira yo gutanga
uruhushya rwo gutanga serivisi
z'isakazamakuru**

**Article 5: Licensing process of
broadcasting services**

**Article 5: Processus d'octroi de licence
de services de radiodiffusion**

**Ingingo ya 6: Gutangaza impuzamirongo
ihari**

**Article 6: Publication of available
frequency spectrum**

**Article 6: Publication du spectre des
fréquences disponibles**

<u>Ingingo ya 7:</u> Itangwa ry' impuzamirongo	<u>Article 7:</u> Frequency Spectrum	<u>Article 7:</u> Affectation du spectre de fréquence
<u>Ingingo ya 8:</u> Amakuru ku mirongo ya radiyo ihari	<u>Article 8:</u> Information on available frequencies	<u>Article 8:</u> Informations sur les fréquences disponibles
<u>UMUTWE WA 3:</u> IMITANGIRE Y'IMPUSHYA	<u>CHAPTER 3:</u> LICENSING REGIME	<u>CHAPITRE 3:</u> REGIME DE LICENCE
<u>Ingingo ya 9 :</u> Uruhushya rwo gutanga serivisi z' isakazamakuru no gutanga ibiganiro bihita kuri televiziyo	<u>Article 9:</u> License for broadcasting services and TV content provision	<u>Article 9:</u> Licence de services de radiodiffusion et de fourniture de contenu de TV
<u>Ingingo ya 10:</u> Gusaba uruhushya	<u>Article 10:</u> License application	<u>Article 10:</u> Demande de licence
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa muri rusange	<u>Article 11:</u> General requirements	<u>Article 11:</u> Conditions générales
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibisabwa byihariye mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 12:</u> Specific administrative requirements	<u>Article 12:</u> Conditions administratives spécifiques
<u>Ingingo ya 13:</u> Imiterere ya sitidiyo	<u>Article 13:</u> Studio layout	<u>Article 13:</u> Plan du studio
<u>Ingingo ya 14:</u> Iyubakwa cyangwa ihindurwa rya sitidiyo yujuje ibipimo	<u>Article 14:</u> Construction or modification of a standard studio	<u>Article 14:</u> Construction ou modification d'un studio standard
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibikoresho byo muri sitidiyo	<u>Article 15:</u> Studio equipment	<u>Article 15:</u> Equipement de studio
<u>Ingingo ya 16:</u> Isuzumwa ry'ubusabe bw'uruhushya	<u>Article 16:</u> Evaluation of license application	<u>Article 16:</u> Evaluation d'une demande de licence

<u>Ingingo ya 17:</u> icyemezo ku busabe bw'uruhushya	<u>Article 17:</u> Decision on license application	<u>Article 17:</u> Décision sur la demande de licence
<u>Ingingo ya 18:</u> Amafaranga atangwa ku ruhushya	<u>Article 18:</u> License fees	<u>Article 18:</u> Frais de licence
<u>Ingingo ya 19:</u> Impamvu zituma ubusabe bw'uruhushya butemerwa	<u>Article 19:</u> Reasons for rejection of license application	<u>Article 19:</u> Raisons de rejet d'une demande de licence
<u>Ingingo ya 20:</u> Ibyiciro by'impushya muri aya mabwiriza	<u>Article 20:</u> License categories under this regulation	<u>Article 20:</u> Catégories de licence sous le présent règlement
<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano za radiyo na Televiziyo nk'ibitangamakuru	<u>Article 21:</u> Responsibilities of radio broadcaster and TV content provider	<u>Article 21:</u> Responsabilités du diffuseur par radio et du prestataire de contenu TV
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibibujijwe mu biganirwa bitangazwa cyangwa byongeraga gutangazwa mu bisakazamakuru	<u>Article 22:</u> Restrictions on broadcasting or re-broadcasting of programmes	<u>Article 22:</u> Restrictions sur la radiodiffusion ou la rediffusion des programmes
<u>Ingingo ya 23:</u> Igihe impushya zo gutanga serivisi z'isakazamakuru zimara	<u>Article 23:</u> Validity of broadcasting services licenses	<u>Article 23:</u> Validité des licences de services de radiodiffusion
<u>Ingingo ya 24:</u> Kongera agaciro k'uruhushya	<u>Article 24:</u> License renewal	<u>Article 24:</u> Renouvellement de licence
<u>Ingingo ya 25:</u> Guhindura uruhushya	<u>Article 25:</u> Modification of the license	<u>Article 25:</u> Modification d'une licence
<u>Ingingo ya 26:</u> Guhererekanya ry'uruhushya	<u>Article 26:</u> Transfer of the license	<u>Article 26:</u> Transfert de licence

<u>Ingingo ya 27:</u> Inzira zikurikizwa mu guhererekanya uruhushya	<u>Article 27:</u> Procedure for license transfer	<u>Article 27:</u> Procédure de transfert de licence
<u>Ingingo ya 28:</u> Ikurwaho ry'uruhushya	<u>Article 28:</u> License revocation	<u>Article 28:</u> Révocation d'une licence
<u>Ingingo ya 29:</u> Inzira zikurikizwa mu ikurwaho ry'uruhushya	<u>Article 29:</u> Procedures for license revocation	<u>Article 29:</u> Procédures de révocation de la licence
<u>Ingingo ya 30:</u> Ubujurire ku bijyanye n'uruhushya	<u>Article 30:</u> Appeal on license matters	<u>Article 30:</u> Recours en matière de licence
<u>UMUTWE WA 4:</u> IGENZURA N'ISHYIRWA MU BIKORWA	<u>CHAPTER 4 :</u> MONITORING AND ENFORCEMENT	<u>CHAPITRE 4:</u> SUPERVISION ET MISE EN EXECUTION
<u>Ingingo ya 31:</u> Kubika no gufata neza amajwi n'amashusho	<u>Article 31:</u> Store and keep recordings	<u>Article 31:</u> Stockage et maintien des enregistrements
<u>Ingingo ya 32:</u> Ibiganiri byo mu Gihugu	<u>Article 32:</u> Local content	<u>Article 32:</u> Contenu local
<u>Ingingo ya 33:</u> Ibiganiri bidakwiriye ku bana	<u>Article 33:</u> Unsuitable programme for children	<u>Article 33:</u> Programme inapproprié pour les enfants
<u>Ingingo ya 34:</u> Ibisabwa mu rwego rw'ubugenzuzi bw'uruhushya	<u>Article 34:</u> License Monitoring Requirements	<u>Article 34:</u> Suivi des conditions de licence
<u>Ingingo ya 35:</u> Ingamba zo kubahiriza ibikubiye mu ruhushya	<u>Article 35:</u> License enforcement action	<u>Article 35:</u> Mesures d'exécution des contenus de la Licence
<u>UMUTWE WA 5:</u> IBIHANO BYO MU RWEGO RW'IGENZURA	<u>CHAPTER 5:</u> REGULATORY SANCTIONS	<u>CHAPITRE 5 :</u> SANCTIONS DE REGULATION

<u>Ingingo ya 36:</u> Iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza	<u>Article 36:</u> Compliance with laws and regulations	<u>Article 36:</u> Observation des lois et règlements
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibihano	<u>Article 37:</u> Sanctions	<u>Article 37:</u> Sanctions
<u>UMUTWE WA 6:</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER 6:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPTER 6:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 38:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 38:</u> Transitional period	<u>Article 38:</u> Période de transition
<u>Ingingo ya 39:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza	<u>Article 39:</u> Repealing provision	<u>Article 39:</u> Dispositions abrogatoires
<u>Ingingo ya 40:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 40:</u> Commencement	<u>Article 40:</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA	N°004/R/MR-MCA/	REGULATION	N°004/R/MR-MCA/	REGLEMENT	N°004/R/MR-MCA/
RURA/2017 YO KU WA	30/06//2017	RURA/2017 OF 30/06/2017	GOVERNING	RURA/2017 OF 30/06/2017	REGISSANT LES
AGENGA SERIVISI Z'ISAKAZAMAKURU		BROADCASTING	SERVICES	SERVICES DE	RADIODIFFUSION AU
MU RWANDA		RWANDA	IN	RWANDA	

Inama Ngenzuramikorere;

Ishingiye ku Itegeko n° 02/2013 ryo kuwa 08/02/2013 rigenga Itangazamakuru cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 7, iya 11, iya 16, iya 18. n'iya 23;

Ishingiye ku Itegeko n° 09/2013 ryo kuwa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Kugenzura Imikorere y'Inzego Zimwe z'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA) rikanagena Inshingano, Ububasha, Imiterere, n'Imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 8, iya 10, iya 20, iya 21, iya 37, iya 47 n'iya 49;

Ishingiye ku Itegeko n°24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 225, 226, 227, 228, 230, 231 n'iya 233;

Ishingiye ku myanzuro yavuye mu nama nyunguranabitekerezo yabaye ku wa 24/04/2017 yahuje Urwego Ngenzuramikorere n'Abafatanyabikorwa barebwa n'iyoye serivise,

The Regulatory Board;

Pursuant to Law n° 02/2013 of 08/02/2013 regulating Media especially in Article 4, 7, 11, 16, 18 and 23;

Pursuant to Law n° 09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organization and functioning, especially in Article 2, 8, 10, 20, 21, 37, 47 and 49;

Pursuant to Law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing Information and Communication Technologies especially in articles 225, 226, 227, 228, 230, 231 and 233;

Based on the recommendations made during the consultative meeting held on 24/04/2017 between the Regulatory Authority and different stakeholders in the sector ;

Le Conseil de Régulation ;

Vu la Loi n° 02/2013 du 08/02/2013 régissant les médias spécialement en ses articles 4, 7, 11, 16, 18 et 23;

Vu la Loi n° 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l'Autorité Rwandaise de Régulation de Certains Services d'Utilité Publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 2, 8, 10, 20, 21, 37, 47 et 49;

Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les Technologies de l'Information et de la Communication spécialement en ses articles 225, 226, 227, 228, 230, 231 et 233;

Sur base de recommandations issues d'une réunion consultative tenue en date du 24/04/2017 entre l'Autorité de Régulation et les partenaires dans le secteur;

Nyuma yo kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa 30/6/2017 ;	After consideration and approval in its meeting of 30/6/2017;	Après examen et adoption dans sa réunion du 30/6/2017 ;
Ishyizeho amabwiriza agenga serivisi z'isakazamakuru mu Rwanda.	Hereby issue the following regulation on broadcasting services in Rwanda.	Edicte le règlement relatif aux radiodiffusion au Rwanda.

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of this Regulation

Article premier: Objet du présent Règlement

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo kugenzura itangwa rya serivisi z'isakazamakuru mu Rwanda.

The purpose of this regulation is to establish a regulatory framework for providing broadcasting services in Rwanda.

L'objet du présent règlement est de mettre en place un cadre de régulation pour la fourniture des services de radiodiffusion au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définition des termes

Amagambo yose akoreshejwe muri aya mabwiriza afite ibisobanuro bikurikira:

All terms used in this regulation shall have the following meanings:

Tous les termes utilisés dans le présent règlement ont des significations suivantes:

1. **Serivisi y'isakazamakuru:** serivisi iyo ari yo yose yerekeranye no gusakaza ibiganiro mu majwi cyangwa mu majwi no mu mashusho mu bantu benshi, itsinda ry'abantu benshi, cyangwa mu baguze ifatabuguzi kuri bene izo serivisi cyangwa icyiciro cya serivisi zitangwa;

1. **Broadcasting service:** any service which consists of the broadcasting of audio or audio-visual programs to the public, group of the public or subscribers to such service or a class of provided services;

1. **Service de radiodiffusion:** tout service qui consiste à radiodiffuser des programmes audio ou audio-visuels au sein du public, un groupe du public ou des abonnés aux tels services ou classe de services fournis ;

2. **Isakazamakuru:** iyoherezwa cyangwa ihererekanywa ry'amajwi cyangwa amashusho hakoreshejwe uburyo bw'inyakiramajwi cyangwa inyakiramajwi n'amashusho bwabugenewe. Iyoherezwa rishobora gukoresha umurungo wa radiyo, urusinga, icyogajuru cyangwa se ubu buryo bwose buhurijwe hamwe;
2. **Broadcasting:** the emission or transmission of sound or images by means of audio or audio-visual receivers adapted for that purpose. The transmission may use the radio frequency, cable, satellite or the combination of these;
2. **Radiodiffusion:** émission ou transmission du son ou des images au moyen de récepteurs audio ou audiovisuels adaptés à cet effet. La transmission peut utiliser la fréquence radio, le câble, le satellite ou la combinaison de ces éléments;
3. **Radiyo y'abaturage:** radiyo idaharanira inyungu isakaza ibiganiro byihariye hagamijwe guteza imbere ibikorera mu gace ikoreramo kandi igakoresha insakazamajwi imwe ifite ubushobozi ntarengwa bwa 500W;
3. **Community Radio:** a non-profit broadcasting radio station which provides a particular program to promote local community's identity that have one transmitter with a maximum power of 500W;
3. **Radio communautaire :** une station de radiodiffusion sans but lucratif qui émet un programme particulier en vue de promouvoir l'identité d'une communauté locale et dotée d'un transmetteur d'une puissance maximale de 500W;
4. **Televiziyo y' ibiganiro bitagurishwa:** Itangwa rya serivisi zo gutangaza ibiganiro bya televiziyo mu buryo umuntu wese ashobora kubibona ari nta mafaranga atanze;
4. **Free to air television:** provision of a television broadcasting services in unencrypted form without direct charge for reception to the recipient;
4. **Télévision gratuite :** fourniture de services de radiodiffusion d'une télévision sous une forme non codifiée sans charges directes de réception pour le récepteur;
5. **Uwahawe uruhushya:** Umuntu uwo ari we wese wahawe n'Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro icyemezo cyo gusakaza cyangwa kongera gusakaza amakuru kugira ngo abashe
5. **Licensee:** any person to whom a broadcasting or re-broadcasting document has been issued by the Regulatory Authority to provide broadcasting services in Rwanda;
5. **Titulaire de Licence:** toute personne à qui l'Autorité Rwandaise de Régulation de Certains Services d'Utilité Publique a octroyé un document de radiodiffusion ou de rediffusion en vue de fournir de services de radiodiffusion au Rwanda;

gutanga serivisi z'isakazamakuru mu Rwanda;

6. **Radiyo y'Igihugu:** Radiyo ya Leta cyangwa y'abikorera ku giti cyabo itangaza amakuru ishobora kugera mu gihugu cyose kandi ifite insakazamajwi enye (4) n'insakazamajwi nyinshi ziziba icyuho;
7. **Radiyo ya Leta:** Serivisi z'isakazamakuru zitangwa na radiyo ya Leta hagamijwe inyungu rusange kandi zitari iz'ubucuruzi. Radiyo ya Leta igomba kugera mu gihugu hose;
8. **Radiyo y'akarere:** radiyo ya Leta cyangwa iy'abikorera ku giti cyabo igenewe abantu batuye ahantu harenze hamwe ariko ifite insakazamajwi zitarenze 3.
9. **Urwego Ngenzuramikorere :** Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro ;
6. **National Radio:** a public or private broadcasting Radio station whose intended coverage/ audience is the national territory with a minimum of four (4) transmitters and several gap fillers;
7. **Public Radio:** broadcasting services offered by a public broadcaster for public interest and non-commercial. The public radio should cover the whole country;
8. **Regional Radio:** a public or private radio station whose intended audience is more than just a community but with no more than 3 transmitters.
9. **Regulatory Authority :** Rwanda Utilities Regulatory Authority ;
6. **Radio Nationale :** une station de radiodiffusion publique ou privée dont la couverture/auditoire visé est tout le territoire national avec un minimum de quatre (4) émetteurs et plusieurs réémetteurs d'appoint ;
7. **Radio Publique:** services de radiodiffusion offerts par un émetteur publique pour l'intérêt public et non commerciaux. Une radio publique doit couvrir tout le territoire national ;
8. **Radio régionale:** une station de radio publique ou privée dont l'auditoire visé est plus que juste une communauté mais avec au maximum 3 émetteurs.
9. **Autorité de Régulation :** Autorité Rwandaise de Régulation de Certains Services d'Utilité Publique;

10. **Televiziyo y'ifatabuguzi:** serivisi y'itangamakuru ya televiziyo ihabwa umufatabuguzi wishyuye amafaranga y'ifatabuguzi ;
10. **Subscription television:** a television broadcasting service provided to a subscriber upon a payment of subscription fee;
10. **Télévision d'abonnement :** service de diffusion de télévision fourni à un abonné contre paiement de frais d'abonnement ;
11. **Utanga ubutumwa buhita kuri televiziyo:** umuntu uwo ari we wese wabihereye uruhushya n'Urwego ngenzuramikorere ushyiraho kandi agatanga umuyoboro cyangwa umubare w'imiyoboro ya televiziyo runaka haba ku buntu cyangwa hishyuwe amafaranga y' ifatabuguzi;
11. **Television Content provider:** any person licensed by the Regulatory Authority to establish and provide a television channel or a number of television channels either free of charge or upon the payment of subscription fee;
11. **Prestataire de contenu de télévision:** Toute personne qui est autorisée par l'Autorité de Régulation pour établir et fournir une chaîne de télévision ou un nombre de chaînes de télévision soit gratuitement ou contre paiement des frais d'abonnement ;
12. **Televiziyo:** gutwara amakuru mu buryo bw'amashusho, hamwe n'umuyoboro w'amajwi umwe cyangwa myinshi bijyana cyangwa amakuru yanditse abitse mu buryo bwa kode cyangwa byombi;
12. **Television:** the conveyance of visual information, together with one or more channels of associated audio or suitably encoded textual information, or both;
12. **Télévision:** transfert d'informations visuelles, ensemble avec une ou plusieurs chaînes d'informations audio associées ou textuelles codifiées de façon appropriée ou les deux;
13. **Gusakaza amakuru hifashishijwe inzira yo ku butaka:** ikiganiro cya radiyo cyangwa televiziyo gitangwa hakoreshejwe ikimenyetso cyoherezwa ku nyakiramajwi cyangwa televiziyo ifite anteni ikwiye giturutse mu nsakazamajwi iri ku butaka;
13. **Terrestrial broadcasting :** radio or television broadcasting in which the signal is transmitted by radio waves from the terrestrial transmitter of a station to a radio or television receiver having an appropriate antenna;
13. **Radiodiffusion terrestre :** une diffusion de radio ou de télévision dans laquelle le signal est transmis par des ondes de radio à partir d'un émetteur d'une station basée sur terre vers un récepteur de radio ou télévision ayant une antenne appropriée ;
14. **Igihe cy'ibiganiro bigenewe abantu bakuru :** igihe cya mbere ya saa tanu
14. **Watershed period:** the time before 23:00 hrs and after 05:00 hrs that is
14. **La période d'émissions de contenu réservé aux adultes:** le temps avant 23

z'ijoro na nyuma ya kumi n'imwe abafite uruhushya batemerewe gutangarizaho ibiganiro bidakwiye ku bana.

observed by licensees not to broadcast material unsuitable for children.

heures et après 05:00 observé par les personnes agréées (les détenteurs de license) pendant lequel elles ne doivent pas diffuser des matières inappropriées pour les enfants.

Ingingo ya 3 : Abarebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba umuntu wese ukora cyangwa ushaka gukora igikorwa gifite aho gihuriye na serivisi zo gusakaza amakuru hifashishijwe inzira yo ku butaka usibye serivisi zitanga umuyoboro unyuzwaho televiziyo na radiyo.

Article 3 : Scope of application

This regulation shall apply to any person carrying out or intending to carry out any activity in relation to terrestrial broadcasting services except signal distribution services.

Article 3 : Champs d'application

Le présent règlement s'applique à toute personne qui mène ou désirant mener toute activité en rapport avec les services de radiodiffusion terrestre à l'exception des services de distribution de signal.

Ingingo ya 4 : Intego z'aya mabwiriza

Aya Mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo gusuzuma imitangire ya serivisi z'isakazamakuru zirimo serivisi za radiyo na televiziyo.

Article 4 : Objective of this Regulation

The objective of this Regulation is to outline assessment procedures for provision of broadcasting services which include television and radio services.

Article 4 : Objectif du présent règlement

L'objectif du présent Règlement est de dégager des procédures d'évaluation en vue de la fourniture de services de radiodiffusion comprenant les services de télévision et de radio.

Intego zihariye z'aya mabwiriza ni izi zikurikira:

The specific objectives of this Regulation are as follows:

Les objectifs spécifiques du présent Règlement sont les suivants:

- a) gushyiraho uburyo bunyuranye bushoboka bwo gukora ibiganiro n'imikoreshereze myiza y'impuzamirongo ihari;
- b) kunoza iterambere ry'isakazamakuru nk'imbarutso y'iterambere ry'ubukungu; no

- a) to ensure the widest possible diversity of programming and optimal utilization of the spectrum resources;
- b) to promote development of broadcasting as an engine of economic development; and

- a) assurer une plus large diversité de programmation possible et d'utilisation optimale des ressources du spectre ;
- b) promouvoir le développement de la radiodiffusion en tant qu'un moteur de la croissance économique; et

c) gushishikariza abantu gukora ishoramari no gushyigikira urwego rw'isakazamakuru n'uburyo bw'ihiganwa muri urwo rwego bubereye bose.

c) to encourage investment and to promote stability of the broadcasting industry as well as a fair and competitive environment.

c) encourager les investissements et promouvoir la stabilité de l'industrie de radiodiffusion ainsi qu'un environnement équitable et compétitif.

UMUTWE WA 2: INZIRA N'UBURYO BWO GUTANGA URUHUSHYA

CHAPTER 2: LICENSING PROCESS AND PROCEDURES

CHAPITRE 2: PROCESSUS ET PROCEDURES D'OCTROI DE LICENCE

Ingingo ya 5: Inzira yo gutanga uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru

Article 5: Licensing process of broadcasting services

Article 5: Processus d'octroi de licence de services de radiodiffusion

Abasaba impushya zo gutanga serivisi z'isakazamakuru badakeneye guhabwa imirongo y'isakazamajwi bagomba kuba bujuje ibisabwa byose biteganywa n'aya mabwiriza.

The applicants of broadcasting services licenses who do not require assignment of frequency resources must fulfill all requirements prescribed in this regulation.

Les demandeurs de licences de services de radiodiffusion qui ne nécessitent pas l'affectation de ressources de fréquence doivent remplir toutes les conditions prescrites dans le présent règlement.

Ku byerekeranye na serivisi z'isakazamakuru ku bakenera no guhabwa impuzamirongo y'isakazamajwi, abasaba uruhushya bagomba kubanza kuzuzwa ibisabwa byatangajwe ku byerekeranye n'imiyoboro y'isakazamajwi ihari.

For broadcasting services requiring frequency spectrum resources, the applicants shall first fulfill the requirements published during the advertisement of the available frequencies.

Pour des services requérant les ressources du spectre de fréquence, les demandeurs doivent d'abord remplir les conditions publiées pour des fréquences disponibles.

Ingingo ya 6: Gutangaza impuzamirongo y'isakazamajwi iriho

Article 6: Publication of available frequency spectrum

Article 6: Publication du spectre des fréquences disponibles

Urwego Ngenzuramikorere rugomba gutangaza mu itangazamakuru urutonde

The Regulatory Authority must publish a list of available frequencies, in at least two (2)

L'Autorité de Régulation doit publier une liste des fréquences disponibles dans deux

urw'imiyo boro y'isakazamajwi ihari byibura mu binyamakuru bibiri (2) bisomwa cyane mu Rwanda, kuri radiyo ya Leta no ku rubuga rwa interineti rwarwo rumenyeshya abantu babyifuza ko bashobora gusaba imirongo ihari.

Urutonde rw'imiyo boro y'isakazamajwi ihari rugomba gutangazwa mu mezi atatu (3) mbere y'uko ababyifuza bayipiganirwa.

Ingingo ya 7: Itangwa ry'imirongo y'isakazamajwi

Imirongo y'isakazamajwi ihabwa ukwirakwiza umuyoboro unyuzwaho televiziyo na radiyo ufite imiyoboro kandi agomba gutwara imiyoboro ya televiziyo y'abatanga ibiganiro hitawe ku bisabwa bibigenga.

Urwego Ngenzuramikorere rufite ububasha bwo guhindura uburenganzira ku micungire y'imirongo y'isakazamajwi.

newspapers circulated in Rwanda, on public radio and on Regulatory Authority' website informing interested applicants to apply for available resources.

A list of available frequencies must be published three (3) months prior to submission of the proposals of bidding available frequencies.

Article 7: Frequency Spectrum Assignment

The frequency spectrum is assigned to the signal distributor having a network and must carry television channels of the content providers subject to compliance requirements in place.

The Regulatory Authority reserves the right to change the spectrum management rights.

journaux (2) au moins les plus lus au Rwanda, sur la radio publique et sur son site internet en vue d'informer les demandeurs intéressés pour introduire leurs demandes.

Une liste de fréquences disponibles doit être publiée trois (3) mois avant la soumission des propositions d'offre de fréquences disponibles.

Article 7: Affectation du spectre de fréquence

Le spectre de fréquence est attribué à un distributeur du Signal ayant un réseau et doit porter des chaînes de télévision des fournisseurs de contenus sous réserve de se conformer aux conditions mises en place.

L'Autorité de Régulation se réserve le pouvoir de modifier les droits de gestion du spectre.

Ingingo ya 8: Amakuru ku miyoboro ihari

Itangazo rimenyekanisha imiyoboro ihari rigomba kugaragaza byibura amakuru akurikira:

- a) ubwoko bw'umurongo cyangwa umuyoboro n'aho biherereye;
- b) icyiciro cy'uruhushya ugereranyije n'imiterere y'isoko ryemewe;
- c) ikigero cy'ingufu zikenewe niba ziri hejuru cyangwa ziri hasi; n'
- d) umunsi wa nyuma wo kurangiza kwakira ubusabe kuri buri tangazo ryihariye.

Article 8: Information on available frequencies

The notice publishing available frequencies must at least indicate the following information:

- a) type of frequency or channel and location or site;
- b) category of the license with regard to approved market structure;
- c) required power level whether it is high power or low power; and
- d) closing date for receiving applications for that particular notice.

Article8: Information sur les fréquences disponibles

La publication des fréquences disponibles doit au moins indiquer les informations suivantes:

- a) le type de fréquence ou chaîne et son emplacement ou site;
- b) la catégorie de la licence en rapport avec la structure du marché approuvé ;
- c) le niveau de puissance requise si elle est haute ou basse tension, et
- d) la date de clôture de réception des demandes pour cet avis particulier.

UMUTWE WA 3: IMITANGIRE Y'IMPUSHYA

CHAPTER 3: LICENSING REGIME

CHAPITRE 3: REGIME DE LICENCE

Ingingo ya 9 : Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru no gutanga ibiganiro bihita kuri televiziyo

Article 9: License for broadcasting services and TV content provision

Article 9: Licence de services de radiodiffusion et de fourniture de contenu de TV

Umuntu uwo ari we wese wifuza gutanga serivisi z'isakazamakuru no gutanga ibiganiro bihita kuri televiziyo mu Rwanda agomba kubisabira uruhushya Urwego Ngenzuramikorere

Any person who needs to perform broadcasting services and content provision in Rwanda must request for relevant license from the Regulatory Authority.

Toute personne intéressée de fournir des services de radiodiffusion et de fourniture de contenu au Rwanda doit introduire une demande de licence appropriée auprès de l'Autorité de Régulation

Ingingo ya 10: Ubusabe bw'uruhushya

Article 10: License application

Article 10: Demande de licence

Mu gusuzuma ubusabe, Urwego Ngenzuramikorere rugomba kureba niba usaba uruhushya azubahiriza ibi bikurikira:

In assessing applications, the Regulatory Authority shall consider if the applicant shall:

Lors de l'évaluation des demandes, l'Autorité de Régulation doit prendre en considération si le demandeur peut :

- a. kugira uruhare mu guteza imbere ubwoko bunyuranye bw'itangazamakuru ku byerekeranye n'abanyamigabane b'ikigo yifuza gushyiraho kimwe n'ubutumwa buzajya butambuka;
- b. gutangaza amakuru akanatambutsa ibiganiro bifitiye rubanda akamaro;
- c. guteza imbere umuzika, ubutumwa, ubuhanzi n'umuco nyarwanda;

- a. contribute to media diversity in terms of ownership and content;
- b. provide news and information programs of benefit to the public;
- c. promote Rwandan music, content, creative arts and culture;

- a. contribuer à la diversité des médias en termes de droits de propriété et de contenu;
- b. fournir des informations et des programmes d'information bénéfiques au publique ;
- c. promouvoir la musique, le contenu, les arts créatifs et la culture rwandaise;

- | | | |
|--|---|---|
| d. Guteza imbere ubushobozi bw'abanyarwanda mu by'ubukungu mu rwego rw'uburenganzira ku mutungo n'imitangire y'umurimo; | d. promote the economic empowerment of Rwanda citizens in terms of ownership and employment; | d. promouvoir la capacité économique des citoyens rwandais en termes de droits de propriété et d'emploi; |
| e. kugira uruhare rugaragara mu ishoramari ry'iterambere ry'igihugu mu rwego rw'ubukungu; | e. contribute to the significant investment in national economic development; | e. apporter un investissement significatif au développement économique national; |
| f. kugira uruhare mu guhanga imirimo no mu iterambere ry'abakozi ku buryo burambye; | f. contribute to job creation and human resource development on a sustainable basis; | f. contribuer à la création d'emplois et au développement des ressources humaines d'une manière durable ; |
| g. kuba afite ubunararibonye n'ubuhanga bukenewe mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga; | g. have the necessary experience and expertise to implement the project; | g. avoir l'expérience et l'expertise nécessaires pour la mise en œuvre du projet; |
| h. kuba afite ubwizigame buhagije kugira ngo abashe gutangiza no gukomeza imirimo y'itangwa rya serivisi z'itangazamakuru yifuza gukora. | h. have secured adequate funding to establish and maintain the proposed broadcasting service. | h. avoir des fonds d'épargne appropriés en vue d'établir et maintenir le service de diffusion proposé. |

Ingingo ya 11:
rusange

Ibisabwa

muri

Article 11: General requirements

Article 11: Conditions générales

Umuntu usaba uruhushya rwo gutanga serivisi zo gutangaza amakuru akoresheje radiyo ikoresha imirongo migufi (FM) cyangwa rwo gutambutsa ibiganiri bihita kuri televiziyo agomba gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere inyandiko zikurikira:

An applicant for FM radio broadcasting services or for television content provision license shall submit to the Regulatory Authority the following documents:

Un demandeur de licence de services de diffusion sur FM ou de fourniture de contenu de télévision doit présenter à l'Autorité de Régulation les documents repris ci- après:

Official Gazette n°31 of 31/07/2017

- | | | |
|---|--|---|
| <p>1. Urwandiko rw'ubusabe rwandikiwe Umuyobozi Mukuru rukubiyemo byibura ibi bikurikira:</p> <p>a. inyandiko isobanura uruhushya rusabwa n'incamake yerekeranye n'umurongo usaba uruhushya azagenderaho;</p> <p>b. icyicaro gikuru n'aderesi yuzuye y'ikigo;</p> | <p>1. Application letter addressed to the Director General, the letter shall at least indicate:</p> <p>a. a statement describing the required license and a brief on editorial line;</p> <p>b. the office location and full address;</p> | <p>1. Une lettre de demande adressée au Directeur Général qui indique au moins ce qui suit:</p> <p>a. une déclaration qui décrit la licence requise ainsi qu'un résumé sur la ligne éditoriale;</p> <p>b. Siège et l'adresse complète ;</p> |
| <p>2. Kuzuza ifishi y'ubusabe iboneka ku rubuga rwa interineti rw'Urwego Ngenzuramikorere;</p> | <p>2. To fill an application form obtained from the Regulatory Authority 's website;</p> | <p>2. Remplir un formulaire de demande obtenu sur le site web de l'Autorité de Régulation;</p> |
| <p>3. Fotokopi y'Indangamuntu cyangwa y'Urwandiko rw'abajya mu mahanga rw'umuntu ukurikirana ubusabe;</p> | <p>3. Copy of an Identity Card or Passport for contact person;</p> | <p>3. Une photocopie de la Carte d'Identité ou du passeport de la personne de contact ;</p> |
| <p>4. Imyirondoro mu magambo arambuye y'Umuyobozi Mukuru n'Umwanditsi Mukuru w'igitangamakuru;</p> | <p>4. Detailed CV of Managing Director and Chief Editor;</p> | <p>4. Le Curriculum Vitae détaillé du Directeur Général et du Rédacteur en Chef;</p> |
| <p>5. Icyemezo cy'uko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko cy'Umuyobozi Mukuru n'icy'Umwanditsi Mukuru w'Igitangamakuru;</p> | <p>5. Criminal record of the Managing Director and Chief Editor;</p> | <p>5. L'extrait du casier judiciaire du Directeur Général et du Rédacteur en chef ;</p> |
| <p>6. Umwirondoro wa Sosiyete na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe bisabirwa uruhushya;</p> | <p>6. Company profile and business plan to carry out the requested activities;</p> | <p>6. Profil de la société commerciale ainsi que son plan d'action pour mener des activités exigées;</p> |

- | | | |
|--|---|---|
| 7. Incamake isobanura umurongo w'igitangamakuru na gahunda z'ibiganiro bizajya bihitishwa buri cyumeru; | 7. Brief on editorial line and projected weekly program ; | 7. Un résumé sur la ligne éditoriale ainsi que des programmes hebdomadaires prévus; |
| 8. icyemezo cy'iyandikwa rya sosiyete mu gitabo cy'ubucuruzi kigaragaza serivisi sosiyete yifuza gutanga; | 8. Company registration certificate indicating intended services; | 8. Le Certificat d'enregistrement d'une société indiquant les services envisagés; |
| 9. icyemezo cy'uko amafaranga y'ubusabe adasubizwa yishyuwe; | 9. Proof of payment for non-refundable application fee; | 9. Preuve de paiement de frais de demande non remboursables; |
| 10. Imiterere ya sitidiyo n'ibikoresho biteganywa gukoreshwa ku batambutsa ibiganiro bihita kuri televiziyo; | 10. Studio Layout and its proposed equipment for content providers; | 10. Plan du Studio et son équipement envisagé pour les fournisseurs de contenu; |
| 11. Andi makuru yose yakenerwa n'Urwego Ngenzuramikorere kugira ngo rubashe gufata icyemezo. | 11. Any other information deemed necessary by the Regulatory Authority for decision making. | 11. Toute autre information jugée nécessaire par l'Autorité de Régulation en vue d'une prise de décision. |

Ku birebana na serivisi z'isakazamakuru zikenera imirongo y'isakazamajwi, usaba uruhushya agomba kubanza kubona uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo.

For broadcasting services requiring frequency spectrum, the applicants should first secure the radio communication license.

Pour les services de radiodiffusion requérant le spectre des fréquences, les demandeurs doivent d'abord obtenir une licence de radiocommunication.

Ingingo ya 12: Ibisabwa byihariye mu rwego rw'ubutegetsi

Usibye ibisabwa muri rusange, utanga serivisi z'ibiganiro bihitishwa kuri televiziyo byishyura agomba gutanga ibi bikurikira:

Article 12: Specific administrative requirements

In addition to the general requirements, the provider for Pay TV should provide:

Article 12: Conditions administratives spécifiques

En plus des conditions d'ordre général exigées, le fournisseur de TV payant doit présenter:

- | | | |
|---|--|--|
| 1) Ubwishingizi bwo kurangiza imirimo neza bufite agaciro ka 200.000 US \$ butangwa na Banki; | 1) Performance bank guarantee of US \$ 200,000; | 1) Une garantie bancaire de performance de 200.000 US \$; |
| 2) Urutonde rw'imiyoboro ruri mu ipaki ya serivisi azajya atanga; | 2) List of channels contained in his/ her bouquets; | 2) Une liste de chaînes de TV contenus dans ses bouquets; |
| 3) Amasezerano yashyizweho umukono ahuza utanga serivisi zo gutwara imiyoboro myinshi ya televiziyo n'utanga serivisi z'ibiganiro bitambuka kuri televiziyo byishyuzwa. | 3) A signed agreement between multi-channel carrier and Pay television provider. | 3) Un accord signé entre le porteur de plusieurs chaînes et le fournisseur de télévision payant. |

Ingingo ya 13: Imiterere ya sitidiyo

Abantu bose batanga serivisi zo gutambutsa ibiganiro bihitishwa kuri televiziyo bagomba kugira sitidiyo zujuje ibisabwa birimo:

- a) umwanya mugari;
- b) umwuka uhagije no
- c) Kuba yubakishijwe ibikoresho bibuza ijwi gusohoka hanze ya sitidiyo.

Sitidiyo ihitisha ibiganiro birimo kuba kimwe n'ibyumba by'ubugenzuzi bigomba kuba birimo ibikoresho bya ngombwa binafite umwanya uhagije ushobora gutangirwamo neza serivisi zigenewe abarimo babikurikira.

Article 13: Studio layout

All TV content providers must have standard studio which has:

- a) a large space;
- b) adequate ventilation and
- c) Soundproofing materials.

The live studio and control rooms should be furnished and have enough space to fairly accommodate the service being provided to the listeners.

Article 13: Plan du studio

Tous les fournisseurs de contenu de TV doivent disposer d'un studio standard doté :

- a) d'une espace large;
- b) d'une ventilation appropriée et
- c) des matériaux insonorisants.

Le studio en direct et les salles de contrôle devraient être meublés et disposer d'un espace suffisant pour accueillir le service à fournir aux auditeurs.

Ingingo ya 14: Iyubakwa cyangwa ihindurwa rya sitidiyo yujuje ibisabwa

Usibye gusa mu gihe isana ari ntacyo rihindura ku miterere y'inyubako ya sitidiyo isanzweho mbere yo kubaka sitidiyo yujuje ibyangombwa cyangwa guhindura sitidiyo isanzwe iriho, utanga ibiganiro binyura kuri televiziyo agomba kubisabira uburenganzira mu Rwego Ngenzuramikorere.

Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo gukora igenzura mu buryo buhoraho kugira ngo rurebe niba ubwubatsi bwa sitidiyo bujyanye n'igishushanyo cy'inyubako cyemewe n'urwo rwego.

Ingingo ya 15: Ibikoresho byo muri sitidiyo

Usaba uruhushya rwo gutanga serivisi zo guhitisha ibiganiro binyura kuri televiziyo agomba kureba niba sitidiyo ye ifite byibura ibikoresho bya ngombwa ariko na none bitagarukira kuri ibi bikurikira:

1) Kamera zikoreshwa muri sitidiyo (HD/SD) byibura eshatu ziri muri sitidiyo ikorerwamo amashusho;

Article 14: Construction or modification of a standard studio

Unless the modification is not affecting the initial construction of the standard studio, any TV content provider must apply for an authorization to the Regulatory Authority before the construction of a standard studio or making any kind of modification.

The Regulatory Authority has the right to conduct regular inspection to ensure that the constructions are performed in compliance with the plan approved by the Regulatory Authority.

Article 15: Studio equipment

The applicant for TV content provision shall make sure that the studio contains at least necessary equipment but not limited to the following:

1) Studio camera (HD/SD) at least 3cam should be installed in TV production studio;

Article 14: Construction ou modification d'un studio standard

A moins que la modification n'affecte pas la construction initiale du studio standard, tout fournisseur de contenu de TV doit introduire auprès de l'Autorité de Régulation une demande d'autorisation avant la construction d'un studio standard ou toute forme de modification.

L'Autorité de Régulation a le droit de procéder à une inspection régulière en vue de s'assurer que les constructions sont réalisées conformément au plan approuvé par elle.

Article 15: Equipement de studio

Le demandeur de licence de fourniture de contenu TV doit faire en sorte que le studio soit doté au moins d'équipement nécessaire mais sans se limiter à l'équipement suivant:

1) Trois caméras de studio (HD/SD) au minimum doivent être installés dans le studio de production TV;

Official Gazette n°31 of 31/07/2017

- | | | |
|---|---|--|
| 2) Terepiye hamwe n'igikapu batwaramo ibikoresho bari ku rugendo; | 2) Camera tripod with dolly kit; | 2) Un trépied de caméra avec équipement de voyage; |
| 3) Uburyo bwo gutangira cyangwa guhagarika ikorwa ry'amashusho bukoresha HD/SD hariho n'uburyo bwo gusiba amashusho yafashwe; | 3) HD/SD Production video switch with redundancy option; | 3) Un commutateur de production vidéo HD/SD avec option de redondance; |
| 4) Uburyo bwo kugenzura bukoresha amashusho bwifashishwa mu kugenzura no gukora amashusho muri sitidiyo; | 4) Video Monitor system for studio control and production; | 4) Un système de contrôle vidéo pour le contrôle et la production au studio; |
| 5) TELEPROMPTER; | 5) TELEPROMPTER System; | 5) Un système de TELEPROMPTEUR; |
| 6) Ibyuma by'itumanaho; | 6) Intercom system kit; | 6) Un équipement du système d'inter-communication; |
| 7) Kabine y'amajwi; | 7) Audio console; | 7) Un cabinet audio; |
| 8) Indangururamajwi yo mu bwoko bwa Lavalier (ibyuma bisakaza n'ibyakira amajwi); | 8) Lavalier microphone kit (set of Transmitter and receiver); | 8) Un équipement de microphone Lavalier (ensemble d'émetteur et de récepteur); |
| 9) Indangururamajwi zifatwa mu ntoki (ibyuma bisakaza n'ibyakira amajwi); | 9) Handheld microphone kit (set of Transmitter and receiver); | 9) Un équipement de microphone portable (ensemble d'émetteur et de récepteur); |
| 10) Indangururamajwi ikoreshwa mu kugenzura sitidiyo; | 10) Control studio audio speaker; | 10) Un haut-parleur audio au sein de la régie technique ; |
| 11) Indangururamajwi ikoreshwa mu gukora amashusho muri sitidiyo; | 11) Production Studio audio speaker; | 11) Un haut-parleur audio au sein du studio de production ; |
| 12) Umurongo wa telefoni uhuza utanga ikiganiro n'abagikurikira; | 12) Hybrid telephone interface; | 12) Un téléphone hybride d'interface ; |
| 13) Porogaramu yo gucunga umutungo w'igitangazamakuru; | 13) Media asset management software; | 13) Un logiciel de gestion du patrimoine médiatique; |

Official Gazette n°31 of 31/07/2017

- | | | |
|---|---|---|
| 14) Uburyo bwikoresha mu guhagarika ikiganiro; | 14) Playout Automation system; | 14) Un système automatique de sortie; |
| 15) Uburyo bwo kwinjiza no kuzana amakuru, ubutumwa uko buteye kose mu buryo ubwo ari bwo bwose; | 15) Ingest or import any source, any content, any format; | 15) Ingestion or importation de n'importe quelle source, contenu ou format; |
| 16) Uburyo bwo gutunganya amashusho neza; | 16) Video editing system; | 16) Un Système de montage vidéo; |
| 17) Uburyo bwo kubika amashusho bufite ubushobozi bwa 24 TB hamwe n'uburyo bwo kugarura ibyabuze; | 17) Storage system at least 24 TB with backup system; | 17) Un système de stockage au moins 24 TB avec un système de resitution; |
| 18) Uburyo bwo kubika ibiganiro byatambutse kuri televiziyo; | 18) Archiving system for TV content; | 18) Un système d'archivage pour le contenu TV; |
| 19) Ibyuma bipima amashusho n'amajwi; | 19) Video & audio measurement set; | 19) Un équipement de mesurage vidéo et audio; |
| 20) Uburyo bwo gukora inyuguti cyangwa ibishushanyo bihita kuri TV; | 20) Character generator system or Graphics TV Station; | 20) Un système de générateur de caractères ou Station de graphiques TV; |
| 21) Ikibaho n'imbonerahamwe bifashisha bamurika igihe cyo gukora amashusho harimo no kubishyira muri sitidiyo; n' | 21) Production lighting board and grid, including installation; and | 21) Un tableau et table d'éclairage de production comprenant l'installation; et |
| 22) Inyubako yo gusakaza amashusho n'amajwi yo mu bwoko bwa HD cyangwa SD. | 22) Video or audio HD/SD Transmission facility. | 22) Une infrastructure de transmission video ou audio HD/SD. |

Ingingo ya 16: Isuzumwa ry'ubusabe bw'uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rukora isuzuma ry'ubusabe ry'ibanze rukareba niba impapuro z'ubusabe zarujwe neza kandi niba

Article 16: Evaluation of license application

The Regulatory Authority shall conduct a preliminary evaluation of the license application to determine whether the

Article 16: Evaluation d'une demande de licence

L'Autorité de Régulation procède à une évaluation préliminaire de la demande de licence pour déterminer si le formulaire de

impapuro zose zisabwa ziherekeza ubasabe zaratanzwe nk'uko bisabwa.

Nyuma yo gukora isuzuma ry'ibanze, Urwego Ngenzuramikorere rukora isuzuma mu rwego rwa tekini n'urw'imari rw'ubusabe kugira ngo rurebe ubushobozi bw'usaba muri urwo rwego bwo gutanga serivisi z'isakazamakuru, guhitisha ibiganiro kuri televiziyo no guhitisha kuri televiziyo ibiganiro byishyurwa.

Ubusabe bw'uruhushya butuzuye butakaza agaciro kabwo mu minsi cumi n'itanu (15) uherye igihe usaba yabimenyesherejwe n'Urwego Ngenzuramikorere rumusaba kuzuzanya inyandiko zibura.

Ingingo ya 17: icyemezo ku busabe bw'uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rutangaza icyemezo cyarwo ku busabe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi rwakiriye ubusabe bwuzuye. Nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guha usaba uruhushya yasabye cyangwa rukarumwima.

- 1) Iyo rusanze rukwiye gutanga uruhushya, hashingiwe ku

application form was properly completed and appropriate enclosures provided as required.

After the preliminary evaluation, the Regulatory Authority shall conduct technical and financial evaluations of the applicant in order to determine the technical and financial capacity of the applicant to provide broadcasting services, TV content provision and Pay TV.

An incomplete license application shall lose its validity within fifteen (15) days following the official notification from the Regulatory Authority to the applicant requesting to submit the missing documents.

Article 17: Decision on license application

The Regulatory Authority shall declare its decision not later than thirty (30) working days from the receipt of a complete application. After the evaluation process of the License application, the Regulatory Authority shall either grant or refuse the License to the applicant.

- 1) In the event that the Regulatory Authority determines to grant a

demande a été dument complété et si les annexes appropriées ont été présentées comme exigé.

Au terme de l'évaluation préliminaire, l'Autorité de Régulation procède aux évaluations techniques et financières du demandeur en vue de déterminer ses capacités techniques et financières pour fournir des services de radiodiffusion, fourniture de contenu TV et TV payant.

Une demande de licence incomplète perd sa validité endéans quinze (15) jours suivant la notification officielle par l'Autorité de Régulation au demandeur lui exigeant de présenter les documents non- soumis.

Article 17: Décision sur la demande de licence

L'Autorité de Régulation doit déclarer sa décision endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande complète. Après le processus d'évaluation de la demande de licence, l'Autorité de Régulation octroie ou refuse d'octroyer la licence au demandeur.

- 1) Si l'Autorité de Régulation décide d'octroyer la licence, sous réserve du

biteganywa n'aya mabwiriza, Urwego Ngenzuramikorere rurutanga hamaze kwishyurwa amafaranga yarwo.

License, it shall, subject to this Regulation, proceed to issue the same upon the payment of the License fee.

présent règlement, il l'octroie moyennant le paiement de frais de Licence.

2) Iyo rusanze rutagomba gutanga uruhushya, Urwego Ngenzuramikorere rubimenyeshya usaba ako kanya rukanamubwira impamvu ubusabe bwe bwanzwe.

2) In the event that the Regulatory Authority determines not to grant a License, the Regulatory Authority shall immediately notify the applicant in writing stating reasons for such refusal.

Si l'Autorité de Régulation décide de ne pas octroyer une licence, elle notifie immédiatement, par écrit cette décision au demandeur tout en énonçant les raisons d'un tel refus.

Ingingo ya 18: Amafaranga y'uruhushya

Article 18: License fees

Article 18: Frais de licence

Amafaranga y'ubusabe agenwa hakurikijwe icyiciro cy'uruhushya. Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo guhindura ingano y'ayo mafaranga iyo rusanze ari ngombwa.

The license fees are prescribed according to the category of the license. The Regulatory Authority reserves the right to modify the license fee when deemed necessary.

Les frais de licence sont prescrits en fonction de la catégorie de licence. L'Autorité de Régulation se réserve le droit de modifier les frais de licence si elle le juge nécessaire.

Iyo uruhushya ruhagaritswe cyangwa ruvanyweho kubera ko uwaruhawe atabashije kuzuzanya inshingano ze ziteganywa muri urwo ruhushya, amafaranga y'uruhushya ntabwo azabizwa. Amafaranga y'uruhushya agenwa kuri buri icyiciro cy'uruhushya agaragara ku mugereka w'aya mabwiriza.

The license fees are not refundable in case of suspension or revocation of the license for failure to fulfill any license obligation. The license fees are prescribed in the annex of this regulation.

Les frais de licence ne sont pas remboursables en cas de suspension ou de révocation de la licence pour non-respect de toute obligation de la licence. Les frais de licence sont prescrits en annexe du présent règlement.

Abatanga ibiganiro byishyurwa bihita kuri televiziyo bishyura amafaranga

The Pay TV providers must pay annual regulatory fee based on a percentage of the

Les prestataires de TV payant doivent payer les frais annuels de régulation sur base d'un

y'igenzuramikorere ku mwaka hashingiwe ku ijanisha ry'amafaranga yacurujwe rigenwa n'Inama Ngenzuramikorere muri urwo rwego.

Ingingo ya 19: Impamvu zituma ubusabe bw'uruhushya bwangwa

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwanga ubusabe bw'uruhushya iyo rusanze:

- 1) ibisabwa byose bituzuye;
- 2) usaba uruhushya atarabashije kwerekana ko afite ubushobozi mu rwego rwa tekini n'urw'imari bwo gukora ibikorwa asabira uruhushya;
- 3) usaba uruhushya yakatiwe n'inkiko ku manza z'inshinjabyaha, yanyuranyije n'ibiteganywa n'uruhushya rwo mu rwego rugenzurwa urwo ari rwo rwose, yakoze ibikorwa by'uburiganya mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu;
- 4) usaba uruhushya yananiwe gukurikiza amabwiriza yo mu rwego rugenzurwa urwo ari rwo rwose yashyizweho n'Urwego Ngenzuramikorere;

turnover according to the Regulatory Board decision governing the matters.

Article 19: Reasons for rejection of license application

The Regulatory Authority shall reject a license application when it is found that:

- 1) requirements are not met;
- 2) the applicant failed to demonstrate the viable technical or financial capacity to carry out the licensed activities;
- 3) the applicant has history of bad criminal record, license violations of any regulated sector, or fraudulent acts within Rwanda or other countries;
- 4) the applicant failed to comply with the rules and regulations of any regulated sector set by Regulatory Authority;

pourcentage du chiffre d'affaires conformément à la décision du Conseil de Régulation en la matière.

Article 19: Raisons de rejet d'une demande de licence

L'Autorité de Régulation doit rejeter une demande de licence lorsqu'il est prouvé que :

- 1) les conditions ne sont pas réunies;
- 2) le demandeur n'a pas démontré la capacité technique ou financière existante pour mener à bien les activités autorisées;
- 3) le demandeur a un passé criminel, a été reconnu coupable d'actes de violation de licence dans un secteur régulé ou d'actes de fraude au Rwanda ou dans d'autres pays;
- 4) le demandeur a failli à se conformer à la réglementation de tout secteur régulé fixé par l'Autorité de Régulation;

5) indi mpamvu iyo ari yo yose Urwego Ngenzuramikorere rusanga ari ngombwa mu rwego rwo kurengera inyungu rusange.

5) any other reason that the Regulatory Authority may find necessary to protect the general public interests.

5) toute autre raison que l'Autorité de Régulation peut trouver justifiée pour protéger les intérêts généraux.

Ingingo ya 20: Ibyiciro by'impushya muri aya mabwiriza

Article 20: License categories under this regulation

Article 20: Les catégories de licence sous le présent règlement

Muri aya mabwiriza, ibyiciro by'impushya ni ugutanga serivisi yo gutangaza amakuru ku mironko migufi ya radiyo (FM) nogutanga ibiganiro binyura kuri televiziyo.

Under this regulation, the license categories are either for FM radio broadcasting services or television content providers.

Dans les termes du présent règlement, les catégories sont soit pour les services de radiodiffusion par radio (FM) ou des prestataires de contenu de télévision.

1) Hariho ubwoko bubiri(2) bw'ingenzi bw'impushya zerekeranye na serivisi zo gusakaza amakuru ku mironko migufi ya FM :

a. Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru kuri radiyo ya Leta;

b. Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru ku maradiyo yigenga (mu rwego rw'igihugu, mu rwego rw'akarere cyangwa radiyo z'abaturage);

1) FM radio broadcasting service license are categorized into two(2) main types:

a. Broadcasting services license for public radio;

b. Broadcasting services license for private radio (national, regional or community);

1) La license de service de radiodiffusion par radio FM sont catégorisés en deux (2) principaux types :

a) Licence de services de radiodiffusion pour la radio publique;

b) Licence de services de radiodiffusion pour des radios privées (nationales, régionales ou communautaires);

- | | | |
|--|---|--|
| 2) Ku byerekeranye n'impushya zerekeranye no gutanga ibiganiro binyura kuri televiziyo, ziri mu bwoko bune(4) bw'ingenzi : | 2) Regarding television content provider license, there are categorized into four (4) main types: | 2) Pour ce qui concerne, la licence de prestation de service de contenu TV, il existe quatre (4) principales catégories: |
| a. Uruhushya rwo gukoresha umurongo wa televiziyo uhitisha ibiganiro bitishyurwa mu rwego rw'igihugu; | a. National Free to air television channel license; | a. Licence du chaîne de télévision gratuite nationale; |
| b. Uruhushya rwo gukoresha umurongo wa televiziyo ihitisha ibiganiro bitishyurwa mu rwego rw'akarere; | b. Regional free to air channel license; | b. Licence de chaîne de télévision gratuite régionale; |
| c. Uruhushya rwo gukoresha umurongo wa televiziyo y'ubucuruzi mu rwego rw'igihugu; | c. National Commercial television channel license; | c. licence de chaîne de télévision commerciale nationale et |
| d. Uruhushya rwo gutanga ibiganiro kuri televiziyo byishyurwa. | d. Pay television provider license. | d. Licence de prestataire de télévision payant. |

Ingingo ya 21: Inshingano z'usakaza amakuru n'utanga ibiganiro kuri televiziyo

Usakaza amakuru n'utanga ibiganiro binyura kuri televiziyo bafite inshingano zikurikira:

- 1) kubahiriza aho ibiganiro biba bigomba kugera nk'uko bigenwa n'ingufu

Article 21: Responsibilities of radio broadcaster and TV content provider

Any licensed broadcaster and television content provider must have the following responsibilities:

- 1) to respect geographical coverage as determined by the transmitter's power

Article 21: Responsabilités du radiodiffuseur et du prestataire de contenu TV

Tout radiodiffuseur ou prestataire de contenu TV ont les responsabilités suivantes :

- 1) respecter la couverture géographique tel que déterminée par la puissance de

bw'insakazamajwi bugaragara mu ruhushya rw'itumanaho rikoresha radiyo;	indicated in radio communication license;	l'émetteur indiquée dans la licence de communication par radio ;
2) kureba niba ibikoresho bye byujuje ibipimo byo ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga;	2) to ensure that its equipment is compliant with national and international standards;	2) s'assurer que son équipement répond aux normes nationales et internationales;
3) korohereza abakozi b'Urwego Ngenzuramikorere kwinjira mu kigo cye kugira ngo bakore ubugenzuzi;	3) to facilitate the staff from the Regulatory Authority to access its premises for inspection;	3) faciliter le personnel de l'Autorité de Régulation d'accéder à ses locaux pour inspection;
4) kureba niba serivisi z'isakazamakuru cyangwa iz'ibiganiro binyura kuri televiziyo zitangwa hubahirijwe ibi bikurikira : a) zibungabunga inyungu z'igihugu, umutekano w'igihugu n'imyitwarire mbonezamuco rusange; b) ziranga umuco n'indangagaciro by'igihugu; c) zihitisha ibiganiro byatunganyijwe neza kandi byiza; d) zihitisha ibiganiro byirinda kwinjira mu buzima bwite bw'abantu; e) Zihitisha ibiganiro birinda abana kugira imyitwarire igayitse.	4) to ensure that broadcasting services or television programs are provided in respect of the following: a) upholds national interest, national security and public morality; b) reflects Rwandan national culture and values; c) observes well edited programs and decency; d) avoids intrusive conduct into private lives; e) protects children from negative behaviors.	4) s'assurer que les services de radiodiffusion ou les programmes de télévision sont fournis tout en respectant ce qui suit: a) ils œuvrent pour l'intérêt national, la sécurité nationale, et la moralité publique; b) ils reflètent la culture et les valeurs nationales ; c) ils observent des programmes et une décence bien édités; d) ils se gardent d'une conduite d'intrusion dans des vies privées; e) ils protègent les enfants contre des comportements négatifs.

5) zubahiriza amategeko n'amabwiriza akurikizwa kimwe n'ibikubiye mu ruhushya.

5) to operate in respect with laws into force, regulations as well as terms and conditions of the license.

5) œuvrer dans le respect des lois, des règlements en vigueur ainsi que le respect des dispositions et des conditions de la licence.

Ingingo ya 22: Ibibujijwe mu biganiro bitangazwa cyangwa byongerera gutangazwa mu bitangazamakuru

Uwahawe uruhushya ntiyemerewe gutangaza cyangwa kongera gutangaza ibi bikurikira:

- (a) ubutumwa cyangwa ikiganiro adafiteho uburenganzira nk'umuhanzi wacyo; cyangwa
- (b) ikimenyetso cyo gusakaza amakuru yahawe kugira ngo yongere agitangaze, cyeretse gusa iyo, mbere yo kugitangaza cyangwa kongera kugitangaza, yahawe n'ufite uburenganzira ku gihangano uburenganzira bwanditse bwo kugitangaza cyangwa kongera kugitangaza bitewe n'uko ibintu biteye.

Article 22: Restrictions on broadcasting or re-broadcasting of programmes

A licensee shall not broadcast or re-broadcast-

- (a) any material or programme of which he or she is not the copyright owner; or
- (b) any broadcasting signal received by him or her for the purpose of re-broadcasting, unless he or she has, prior to the broadcast or re-broadcast, obtained a written permission of the copyright owner of the material, programme, or re-broadcasting signal, as the case may be, to do so.

Article 22: Restrictions sur la diffusion ou la rediffusion des programmes

Aucun titulaire de licence ne peut diffuser ou rediffuser :

- (a) toute matière ou programme dont il n'est pas propriétaire de droit d'auteur; ou
- (b) tout signal de radiodiffusion reçu par lui à des fins de rediffusion, à moins qu'il n'ait préalablement obtenu une autorisation de le faire de la part du propriétaire de droit d'auteur de la matière, du programme, ou du signal avant sa diffusion ou sa rediffusion selon le cas.

Ingingo ya 23: Igihe impushya zo gutanga serivisi z'isakazamakuru zimara

Uruhushya rwo gutanga serivisi zo gusakaza amakuru ku mironko migufi ya radiyo (FM), n'izo gutanga ibiganiro bihita kuri televiziyo rumara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Article 23: Validity of broadcasting services licenses

The validity period of FM radio broadcasting services license, TV content provision is five (5) years renewable.

Article 23: Validité des licences de services de radiodiffusion

La période de validité d'une licence de services de radiodiffusion en fréquences modulées et de prestation de contenu TV est de cinq (5) ans renouvelables.

<u>Ingingo ya 24:</u>	Kongera agaciro	<u>Article 24:</u>	License renewal	<u>Article 24:</u>	Renouvellement de licence
<u>k'uruhushya</u>					
Uwahawe uruhushya agomba gusaba Urwego Ngenzuramikorere kongera agaciro k'uruhushya yahawe mu minsi nibura mirongo icyenda (90) ibanziriza irangira ry'uruhusa asanganywe. Inzira ikurikizwa mu kongera agaciro k'uruhushya n'ibigenderwaho mu kwemeza iyongerwa ry'agaciro karwo ni bimwe n'ibikurikizwa mu busabe bwa mbere;		The licensee must apply to the Regulatory Authority for license renewal at least ninety (90) days prior to the expiration of the current license. The license renewal proceeding shall be subject to the same procedures and approval criteria as an initial license application;		Une personne autorisée doit introduire auprès de l'Autorité de Régulation une demande de renouvellement de licence dans les quatre vingt dix (90) jours au moins avant l'expiration de la licence en cours. Les procédures de renouvellement d'une licence sont assujettis aux mêmes procédures et critères d'approbation que la demande de licence initiale;	
Kongera agaciro k'impushya bigendana n'uburyo ibikubiye mu ruhushya byubahirijwe. Uruhushya ntabwo rwongererwa agaciro iyo uwaruhawe atubahirije ibyo yasabwaga mu ruhushya asanganywe.		The renewal of license must dependent upon compliance with the terms and conditions of the license. Where an existing licensee did not satisfy the terms and conditions during the license term, the license shall not be renewed.		Le renouvellement de la licence dépend de la conformité aux dispositions et conditions de la licence. Si le titulaire actuel de licence a failli à satisfaire aux termes et conditions de la licence, celle-ci ne sera pas renouvelée.	
Usaba kongererwa agaciro k'uruhushya agomba kumenyesha Urwego Ngenzuramikorere niba hari impinduka zabayeho mu byangombwa yatanze mu busabe bwa mbere.		The applicant for license renewal should inform the Regulatory Authority if there is any change that happened on submitted documents during the first application.		Le demandeur de renouvellement de licence doit tenir l'Autorité de Régulation informée de tout changement intervenu dans les documents présentés lors de la première demande.	
Urwego Ngenzuramikorere rugomba gukora uko rushoboye rugashyira ahagaragara icyemezo cyarwo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa mbere y'uko uruhushya rusanzeho rurangira; usaba apfa		The Regulatory Authority shall attempt to make decision not later than thirty (30) days prior to the expiration of the current license, so long as the applicant has filed its renewal		L'Autorité de Régulation s'efforce de prendre sa décision endéans trente (30) jours avant l'expiration de la licence en cours, pourvu que le demandeur ait formulé sa demande de renouvellement et ait présenté	

gusa kuba yarujuje ubusabe bwo kongera agaciro k'uruhushya rwe yaranatanze amakuru y'inyongera yasabwaga ku gihe.

application and requested additional information in a timely manner.

des informations additionnelles requises à temps.

Ingingo ya 25: Guhindura uruhushya

Article 25: Modification of the license

Article 25: Modification d'une licence

Guhindura uruhushya bishobora gukorwa biturutse k'ubushake bw'Urwego Ngenzuramikorere cyangwa bisabwe n'uwahawe uruhushya.

A license modification proceeding may be initiated by the Regulatory Authority or by request of the licensee.

Le processus de modification d'une licence peut être initié par l'Autorité de Régulation ou sur demande du titulaire de licence.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura uruhushya mbere y'uko rurangira mu gihe rusanga urwo ruhushya rugomba guhinduka kugirango rubashe guhuzwa n'ibi bikurikira:

The Regulatory Authority may modify a license before the expiration of its term when it determines that an amendment of the license is needed in order to respond to:

Celle-ci peut modifier une licence avant son expiration lorsqu'elle détermine que son amendement s'avère nécessaire pour répondre à ce qui suit:

- a) Impinduka zikomeye mu rwego rw'amategeko cyangwa amabwiriza mashya, cyangwa ibyemezo by'inkiko birebana n'ibikubiye muri urwo ruhushya;
- b) Kuba ufite uruhushya atabasha kubahiriza ibiteganywa n'uruhushya bitewe n'uko adashobora kugira icyo abikoraho, ari mu bihe bidasanze cyangwa se ari mu bibazo bikomeye bijyanye n'imyubakire y'inyubako akoreramo.

- a) Significant changes in new laws or regulations, or significant court decisions that directly affect the license provisions;
- b) the inability of the license holder to comply with license provisions due to events beyond licensee's control such as force majeure, major facility failures.

- a) Des changements importants dans de nouvelles lois ou règlements ou des décisions judiciaires importantes qui affectent directement les dispositions de la licence ;
- b) L'incapacité du titulaire de licence de se conformer aux dispositions de la licence suite aux événements qui sont au delà de son contrôle tel que la force majeure, les défaillances majeures des infrastructures.

Ingingo ya 26: Ihererekanya ry'uruhushya

Guherekanya impushya harimo kuzigurisha mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, kuzitiza, kuzitanga, kuzikodesha cyangwa guhererekanya imirimo cyangwa ibikorwa bizishamikiyeho ngo bihabwe undi muntu cyangwa ikigo, bikorwa ari uko byabanje gutangirwa uburenganzira bwanditswe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Uko kwemerwa kuba habanje gusuzumwa ubusabe kandi muri iryo suzuma bikagaragara ko ugiye kuruhabwa mushya yujuje ibisabwa byose byerekeye n'urwo ruhushya .

Ingingo ya 27: Inzira zikurikizwa mu ihererekanya ry'uruhushya

Guherekanya uruhushya bikorwa ku busabe bw'ubaruhawe asobanura impamvu z'iryo hererekanya kandi ubwo ubusabe bugomba guherekezwa n'ikimenyetso cy'uko usanganywe uruhushya yishyuye amafaranga yose yasabwaga mu rwego rw'amategeko kimwe n'imiterere y'imigabane y'uwakira uruhushya iyo hari iriho.

Article 26: Transfer of the license

The transfers of licenses, including the direct or indirect sale, assignment, conveyance, lease or other transfer of assets or activities subject to a license to a different individual or institution shall be subject to a prior written approval of the Regulatory Authority.

Such approval shall be granted after consideration of the matter and if the proposed transferee meets all the conditions for granting the relevant license.

Article 27: Procedure for license transfer

A license transfer proceeding is initiated by an application from the licensee stating the reasons for such transfer and shall be accompanied by the evidence of payment of all fees and levies required by law by the transferor as well as the shareholding structure of the transferee if any.

Article 26: Transfert de licence

Les transferts de licences, y compris la vente directe ou indirecte, la cession, le bail ou tout autre transfert ou d'actifs ou d'activités soumis à une licence à une personne ou à une institution différente, sont soumis à l'approbation écrite préalable de l'Autorité de Régulation.

Cette approbation est accordée après examen de l'affaire et si le cessionnaire en question remplit toutes les conditions exigées pour accorder cette licence.

Article 27: Procédure de transfert de licence

La procédure de transfert de licence est initiée par une demande émanant de la personne titulaire de la licence indiquant les raisons de ce transfert et est accompagnée par une preuve de paiement par le titulaire de licence de tous les frais et les taxes exigées ainsi que la structure d'actionnariat si elle existe.

Mu gihe cyose Urwego Ngenzuramikorere rutarashyira ahagaragara icyemezo cyo kwemera iryo hererekanya, uwahawe uruhushya ntiyemerewe guhererekanya urwo ruhushya n'undi muntu.

Inzira ikurikizwa mu guhererekanya uruhushya ni imwe n'ikurikizwa mu isuzumwa ry'ubusabe bw'uruhushya. Uhave uruhushya mu ihererekanya afatwa nk'usaba kandi agomba gukurikiza ibisabwa byose bijyanye no guhererekanya uruhushya.

Igihe uruhushya rumara kimwe n'ibisabwa muri urwo ruhushya biguma kuba bimwe, uretse gusa iyo uwegurirwa uruhushya asabye ko ruhindurwa nk'uburyo bumwe bwo gukora ihererekanya.

Ingingo ya 28: Kwamburwa burundu uruhushya

Inzira yo kwamburwa uruhushya burundu ishobora gutangizwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwambura burundu uruhushya nyirarwo mbere y'uko rurangira mu gihe rusanga ko ari

Until the Regulatory Authority has issued an approval of the transfer, no licensee may transfer the license to another person.

A license transfer proceeding shall be conducted in the same manner as review of a license application. The transferee shall be considered as the applicant and must comply with all the requirements for the license to be transferred.

The duration of the license and the license terms and conditions shall remain the same, unless the license transferee requests a license modification as part of the transfer proceedings.

Article 28: License revocation

A license revocation proceeding may be initiated by the Regulatory Authority..

The Regulatory Authority may revoke a license before its expiration validity when it determines that revocation is needed in order to respond to:

Avant que l'Autorité de Régulation n'ait donné son approbation de transfert, aucun titulaire de la licence ne peut la transférer à une autre personne.

Le transfert de licence est opéré dans la même manière que l'examen d'une demande de licence. Le cessionnaire est considéré comme le demandeur et doit se conformer à toutes les conditions y relatives.

La durée de la licence ainsi que les dispositions et les conditions de cette dernière restent les mêmes à moins que le cessionnaire de la licence ne demande sa modification en tant que partie du processus de transfert.

Article 28: Révocation d'une licence

Un processus de révocation d'une licence peut être initié par l'Autorité de Régulation..

L'Autorité de Régulation peut révoquer une licence avant son expiration si elle juge que cette révocation est nécessaire pour répondre aux impératifs suivants:

ngombwa kubera kugira ngo habashe gukemuka ibi bibazo bikurikira:

- | | | |
|--|--|---|
| a. Uwahawe uruhushya atubahirije ibirukubiyemo; | a. Licensee failure to comply with license terms and conditions; | a. Le défaut du titulaire de licence de se conformer aux dispositions et conditions; |
| b. Uwahawe uruhushya yananiwe gutanga amakuru arebana na raporo n'ibikorwa cyangwa yananiwe gukorana neza n'abagenzuzi b'Urwego Ngenzuramikorere ; | b. failure of the licensee to provide the Regulatory Authority with monitoring and reporting data required by the license or failure to cooperate with the Regulatory Authority inspection and audits; | b. Le défaut du titulaire de licence de ne pas fournir les données de gestion et de rapport tel que exigées par la licence, ou défaut de coopérer avec l'inspection et audit de l'Autorité de Regulation; |
| c. Uwahawe uruhushya aha Urwego Ngenzuramikorere amakuru atari yo cyangwa ayobya abigambiriye; | c. licensee submits false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority ; | c. Le titulaire de licence présente à l'Autorité de Régulation des données ou informations fausses ou délibérément trompeuses ; |
| d. Uwahawe uruhushya ari mu gihombo, yananiwe kwishyura imyenda ye cyangwa ikigo cye cyarasheshwe; | d. bankruptcy, financial insolvency or liquidation of the company; | d. Faillite, insolvabilité financière ou liquidation de la société |

Ingingo ya 29: Inzira zikurikizwa mu kwambura burundu uruhushya

Kwambura burundu uruhushya bikorwa mu nzira zikurikira:

- a. Urwego Ngenzuramikorere rutangira inzira yo kwambura burundu uruhushya rwandikira ibaruwa uwahawe uruhushya

Article 29: Procedures for license revocation

A license revocation proceeding will be conducted in the following manner:

- a. The Regulatory Authority shall commence a license revocation proceeding by sending written notice to

Article 29: Procédures de révocation de la licence

Toute procédure de révocation de licence est menée dans la manière suivante:

- a. L'autorité de Régulation commence la procédure de révocation d'une licence par l'envoi d'une note écrite au titulaire

- | | | |
|---|---|--|
| <p>rumumenyesha ko hatangiye inzira yo kurwamburwa burundu runamusaba kugira icyo abivugaho;</p> <p>b. Iyo uwahawe uruhushya atabyemeye cyangwa adatanze igisubizo ku cyifuzo cy'Urwego Ngenzuramikorere, Urwego ruramuhamagaza rukumva ibitekerezo bye ku iyamburwa burundu ry'uruhushya rwe ;</p> <p>c. Mu gihe cyose inzira yo kwambura burundu uruhushya itararangira, niba uwaruhawe atunganyije ibyo yangije byabaye inkomoko yo gutangira icyo gikorwa, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhagarika inzira yo kwambura burundu urwo ruhushya.</p> | <p>the licensee advising the licensee of the commencement of a revocation proceeding, and requiring licensee to file a response;</p> <p>b. If the licensee contests the revocation or fails to respond to the Regulatory Authority notice, the Regulatory Authority will hold a hearing on the license revocation;</p> <p>c. If during the course of the revocation proceedings, the licensee cures the violation that gave rise to the revocation proceeding, the Authority may terminate the license revocation proceeding.</p> | <p>de la licence lui signifiant le commencement de la procédure de révocation et lui demandant de formuler son avis ;</p> <p>b. Si le détenteur de la licence conteste la révocation ou ne parvient pas à répondre à la note de l'Autorité de Régulation, celle-ci tient une audience sur la révocation de la licence ;</p> <p>c. Si au cours de la procédure de révocation, le titulaire de la licence remédie aux violations ayant occasionné la procédure de révocation, l'Autorité de Régulation peut mettre à fin à la procédure de révocation de la licence.</p> |
|---|---|--|

Rukurikije uko rubyumva, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura iyo nzira mu nzira yo guhatira ufite uruhushya gukurikiza ibirukubiyemo, kuruhindura cyangwa kuruha undi muntu.

The Authority may convert a proceeding, in its sole discretion, to license enforcement, modification or transfer proceeding.

L'Autorité peut, à sa seule discrétion, convertir la procédure en une procédure de mise en exécution, de modification ou de transfert de la licence.

Ingingo ya 30: Ubujurire ku bibazo byerekeranye n'uruhushya

Article 30: Appeal on license matters

Article 30: Recours sur les affaires relatives à une licence

Iyo usaba uruhushya atanyuzwe n'icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere cyo kumwima

Where the applicant is not satisfied with the decision of the Regulatory Authority

Lorsqu'un demandeur n'est pas satisfait par la décision de l'Autorité de Régulation lui

uruhushya ndetse no gukemura ikibazo bitarinze kunyura mu nkiko bikaba byarananiranye, ashobora kujurira icyo cyemezo mu rukiko rubifitye ububasha;

Icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere kigumya kubahirizwa kugeza igihe urukiko ruzafatira icyemezo cya nyuma kuri ubwo bujuriye.

UMUTWE WA 4: IGENZURA N'ISHYIRWA MU BIKORWA

Ingingo ya 31: Kubika no gufata neza amajwi n'amashusho byafashwe

Uwahawe uruhushya agomba:

- a) gufata neza no kubika amajwi n'amashusho y'ibiganiro byahise cyangwa byongeye guhitishwa mu gihe cy'amezi atatu byibura ibyo biganiro bihise cyangwa byongeye guhitishwa cyangwa mu gihe cyose Urwego Ngenzuramikorere rwasanga ari ngombwa; kandi
- b) Urwego Ngenzuramikorere rushobora gusaba ayo majwi cyangwa amashusho yafashwe kugira ngo rwongere ruyasuzume.

refusing to grant the license and, after failure of an amicable settlement, he/she may appeal before the competent court;

The Regulatory Authority decision shall remain effective pending a final judicial decision on the appeal.

CHAPTER 4: MONITORING AND ENFORCEMENT

Article 31: Store and keep recordings

A licensee shall:

- a) keep and store sound and video recordings of all programmes broadcast or re-broadcast for a minimum period of three months after the date of transmission of the broadcast or re-broadcast, or for such further period as may be directed by the Regulatory Authority; and
- b) the Regulatory Authority may request those recordings for any further examination.

refusant l'octroi d'une licence et, après tout échec de règlement à l'amiable, il peut interjeter appel devant une juridiction compétente;

La décision de l'Autorité de Régulation reste effective en attendant une décision judiciaire finale sur l'appel.

CHAPITRE 4: SUPERVISION ET MISE EN APPLICATION

Article 31: Stockage et garde des enregistrements

Un titulaire de licence doit:

- (a) stocker et garder les enregistrements sonores et des vidéos enregistrés de tous les programmes diffusés ou rediffusés pour une période minimale de trois (3) mois après la date de transmission de la diffusion ou de la rediffusion ou pour une période supérieure tel qu'exigé par l'Autorité de Régulation; et
- (b) L'Autorité de Régulation peut demander ces enregistrements pour examens.

Ingingo ya 32: Ibiganiro bikorerwa imbere mu gihugu

Mirongo itanu ku ijana (50%) nibura by'ibiganiro byose bitambutswa n'uwahawe uruhushya rwo guhitisha ibiganiro akoresheje radiyo cyangwa ibiganiro bihita kuri televiziyo bitishyurwa, bibarwa ku mpuzandengo y'icyumweru mu gihe cy'umwaka bigomba kuba byakozwe na:

a) Umuntu ku giti cye ufite ubwenegihugu bw'u Rwanda kandi akaba atuye mu Rwanda ku buryo buhoraho;

b) Ikigo gifite ubuzima gatozi aho abanyamigabane ari abanyarwanda kandi batuye mu Rwanda ku buryo buhoraho.

Ingingo ya 33: Ibiganiro bidakwiriye ku bana

Bitabangamiye ibiteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana ku byerekeranye no gutangaza ibiganiro by'urukozasoni, iyo ibiganiro bigomba guhitwa cyangwa kongera guhitwa bidakwiye kwerekwa abana, uwahawe uruhushya agira inama cyangwa agateguza abakurikira ibiganiro muri urwo rwego.

Ibiganiro bidakwiriye ku bana ni ibigaragaza ibikorwa by'imibonano mpuzabitsina

Article 32: Local content

A minimum of fifty per cent (50%) of all content provided by the radio broadcaster and free to air licensee, measured as a weekly average over the period of a year, must be produced by:

a) a natural person who is a citizen of, and permanently resident in Rwanda ;

b) a legal person whose the majority of shareholders are citizens and permanently residing in Rwanda.

Article 33: Unsuitable programme for children

Without prejudice to the provisions of the Penal Code relating to obscene publications, a licensee shall, where a programme to be broadcast or re-broadcast is not suitable to be exhibited to children, advise or warn members of the public accordingly.

Unsuitable programme for children contain pornography and video of extreme violence

Article 32: Contenu local

Un minimum de cinquante pour cent (50%) de tout le contenu fourni par la radio diffusion gratuitement à un titulaire de licence de TV à accès gratuit, mesuré en termes de moyenne hebdomadaire pendant une période d'une année doit être produit par:

a) Une personne physique qui est un citoyen rwandais et qui réside au Rwanda de façon permanente;

b) personne morale dont la majorité des actionnaires sont des citoyens rwandais et résidant au Rwanda d'une façon permanente.

Article 33: Programme inapproprié pour les enfants

Sans porter préjudice aux dispositions du Code Pénal relatives aux publications obscènes, un titulaire d'une licence doit conseiller ou avertir le public à cet effet, lorsque le programme à radiodiffuser ou rediffuser est inapproprié pour être exhibé aux enfants en conséquence de cette situation.

Un programme inapproprié pour les enfants contenant de la pornographie ainsi qu'un

n'amashusho agaragaramo ubugome bw'indengakamere ntibigomba gutambuka mbere y'igihe cy'ibiganiro bigenewe abantu bakuru.

Ingingo ya 34: Ibisabwa mu rwego rw'ubugenzuzi bw'uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rugenzura niba uwahaye (uwahawe) uruhushya yubahiriza ibyo asabwa byose bikubiye mu ruhushya;

Urwego Ngenzuramikorere rushyira mu ruhushya ingingo zitegeka abahawe uruhushya gutanga raporo mu rwego rw'imari, urwa tekini, urw'imikorere kimwe n'andi makuru ya ngombwa kugira ngo rubashe kugenzura niba uwahawe uruhushya yubahiriza ibirukubiyemo.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kandi gukora igenzura ry'inyubako z'uwahawe uruhushya aho zihereye kimwe n'amadosiye y'ikigo cy'ubucuruze cye aho gikorera. Iryo genzura rishobora gukorwa rimenyeshywe cyangwa ritunguranye.

Amagenzura n'amasuzuma bikorwa mu masaha asanzwe y'akazi, keretse iyo Urwego rufite impamvu zumvikana zo gukeka ko hari

shall not be broadcast before the watershed period.

Article 34: License Monitoring Requirements

The Regulatory Authority shall monitor the performance of each licensee for full compliance with all terms and conditions of the license;

The Regulatory Authority shall include terms and conditions in the license requiring licensees to report on financial, technical, organization and other data needed to allow the Regulatory Authority to effectively monitor license compliance.

The Regulatory Authority may also perform physical inspections of the licensee's facilities and corporate records on licensee's premises. These inspections may be conducted on an announced and unannounced basis.

The inspections and audits shall be conducted during normal business hours, except when the Regulatory Authority has a reasonable basis to believe that non-

programme video d'une extrême violence ne doivent pas être diffusés avant les heures d'émissions de contenu réservé aux adultes.

Article 34: Exigences de supervision de licence

L'Autorité de Régulation supervise la performance de chaque titulaire de licence pour sa conformité effective à toutes les dispositions et conditions de la licence;

L'Autorité de Régulation inclut dans la licence les dispositions et les conditions exigeant à leurs détenteurs de lui faire des rapports sur les données financières, techniques, organisationnelles ou autres données jugées utiles pour lui permettre de faire un contrôle complet en rapport avec la conformité de la licence.

L'Autorité de Régulation peut effectuer des inspections physiques dans les installations du titulaire de la licence ainsi que les archives de la société commerciale se trouvant dans ses locaux. Ces inspections peuvent être annoncées ou improvisées.

Les inspections et les vérifications peuvent être effectuées pendant les heures normales de service, sauf si l'Autorité de Régulation a des motifs raisonnables de soupçonner que

ibikorwa bidakurikije amabwiriza bikorwa mu masaha atari ay'akazi.

Ingingo ya 35: Iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya

Iyo Urwego rubona ko uwahawe uruhushya atubahirije kimwe mu bisabwa mu ruhushya yahawe, Urwego rumwihanangiriza mu nyandiko, rukanamuha igihe ntarengwa kugira ngo abe yakosoye ibyo aregwa kuba atubahirije ku ruhushya yahawe.

Iyo uwahawe uruhushya, nyuma yo kwihanangirizwa n'Urwego Ngenzuramikorere atikosoye, Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutangira igikorwa cyo guhatira uwahawe uruhushya gushyira mu bikorwa ibyo yaruhereye harimo gufatira ibihano uwabikoze harimo nko gucibwa amafaranga, guhindurirwa uruhushya, kurwamburwa cyangwa kurutanga.

Iyo uwahawe uruhushya yikosoye nyuma yo kubimenyeshwa n'Urwego Ngenzuramikorere, Urwego Ngenzuramikorere rushobora na none gukomeza inzira yo gushyira mu bikorwa

compliant activities are occurring outside of normal business hours.

Article 35: License enforcement action

If the Regulatory Authority determines that the licensee has failed to comply with any term or condition of the license, the Regulatory Authority must send a written warning to the licensee including a deadline for correction of the alleged license violation.

If the licensee, after receipt of the warning from the Regulatory Authority, does not comply, the Regulatory Authority may open a license enforcement proceeding, which may consist of monetary sanctions, license modification, revocation or transfer.

If the licensee complies with the requirements following receipt of the Regulatory Authority notice, the Regulatory Authority may still continue a license enforcement proceeding in order to impose

des activités non conformes aux lois se font en dehors des heures normales de service.

Article 35: Des mesures coercitives de licence

Si l'Autorité de Régulation détermine que le titulaire de la licence n'a pas respecté une des conditions de la licence, l'Autorité de Régulation lui envoie un avertissement écrit tout en spécifiant la date limite pour corriger les actes qui lui sont reprochés par rapport avec la violation de la licence.

Si le titulaire de la licence ne se conforme pas à l'avertissement déjà reçu de la part de l'Autorité de Régulation, celle-ci peut procéder à la mise en application des dispositions de la licence, qui peut soit consister en sanctions pécuniaires, en modification, révocation ou transfert de la licence.

Si le titulaire de la licence se conforme aux exigences à la suite de la réception de la notification faite par l'Autorité de Régulation, celle-ci peut toujours continuer avec le processus d'exécution de la licence en

uruhushya kugira ngo hafatwe ibihano mu rwego rw'ubukungu cyangwa icyemezo cyo guhindura, kuvanaho, cyangwa guhererekanya uruhushya kugira ngo hakosorwe amakosa yakozwe mu gihe cyahise.

financial sanctions or license modification, revocation or transfer in order to address the historic violation.

vue d'imposer des sanctions financières ou une modification, une révocation ou un transfert de la licence afin de corriger la violation antérieure.

UMUTWE WA 5: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'IGENZURAMIKORERE

CHAPTER 5: REGULATORY SANCTIONS

CHAPITRE 5 : DES SANCTIONS REGLEMENTAIRES

Ingingo ya 36: Iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'amabwiriza n'amategeko

Article 36: Compliance with laws and regulations

Article 36: Du respect des lois et règlements

Uwahawe uruhushya ategetswe kubahiriza ingingo z'aya mabwiriza kimwe n'andi mategeko akurikizwa. Kutubahiriza ingingo z'aya mabwiriza kimwe n'ingingo zo mu ruhushya bishobora gutuma uwahawe uruhushya afatirwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi.

The licensee is required to comply with the provisions of this regulation and all applicable laws. The non-compliance with provisions of this Regulation or the license conditions shall lead to administrative sanctions.

Le titulaire d'une licence doit se conformer à toutes dispositions du présent règlement et toutes les lois en vigueur. Le fait de ne pas observer les dispositions du présent règlement ou des conditions de la licence peut conduire aux sanctions administratives.

Ingingo ya 37: Ibihano

Article 37: Sanction

Article 37: Sanction

Umuntu wese uzanyuranya n'ibiteganywa n'aya mabwiriza ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itarenze miliyoni ebyiri (2.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda.

Any person who violates any provision of this regulation shall be liable to pay an administrative fine not exceeding two million (2,000,000) Rwandan Francs.

Quiconque enfreint à l'une des dispositions de ce règlement est passible d'une amende administrative n'excédant pas deux million (2.000.000) de francs rwandais.

**UMUTWE WA 6: INGINGO
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**CHAPTER 6: TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE 6: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES ET FINALES**

Ingingo ya 38: Igihe cy'inzibacyuho

Article 38: Transitional period

Article 38: Période de transition

Ibikorwa ibyo ari byo byose biriho byerekeranye no gutanga serivisi z'isakazamakuru cyangwa gutanga ibiganiro binyura kuri televiziyo bikorwa n'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi bigomba gusabirwa uruhushya mu gihe kitarenze amezi abiri (2) uhereye ku muni aya mabwiriza atangiriye gushyirirwa mu bikorwa kandi bigomba gukorwa hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Any existing activity related to broadcasting services or TV content provision conducted by any natural or legal person, must apply for broadcasting services license within two (2) months of the effective date of this regulation, and shall be conducted in compliance with the provisions of this regulation.

Toute activité existante liée aux services de radiodiffusion ou de fourniture de contenu de TV effectuée par soit une personne physique ou morale, doit faire objet d'une demande de licence de service de radiodiffusion endéans deux (2) mois à compter de la date d'entrée en vigueur du présent règlement et doit être menée conformément aux dispositions du présent règlement.

Undi muntu uwo ari we wese ushaka gutangira ibikorwa byo gutanga serivisi z'isakazamakuru cyangwa ibiganiro binyura kuri televiziyo nyuma y'uko aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa agomba kubanza kubisabira uruhushya mu buryo buteganywa n'aya mabwiriza.

Any other person who commences broadcasting services or TV content provision after the effective date of this regulation shall submit an application for a license in due form as provided for under this regulation.

Toute autre personne qui entreprend des services de diffusion ou de fourniture de contenu de TV après la date effective d'entrée en vigueur du présent règlement doit introduire une demande de licence en bonne et due forme tel que prévu par le présent règlement.

